REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

# IBIBAZO BIKUNZE KWIBAZWA KU MATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA N'ABADEPITE 2024 N'IBISUBIZO BYABYO.

**Q1/ AMATORA ATAZIGUYE NI AMEZE ATE?**

- ⇨ **Ni amatora abaturage bose bemerewe gutora bagiramo uruhare, bagatora. Urugero: Amatora ya Perezida wa Repubulika**

**Q2/ AMATORA AZIGUYE NI AMEZE ATE?**

- ⇨ **Ni amatora agirwamo uruhare n'abahagarariye abandi. Urugero : Mu gutora Komite Nyobozi y'Akarere , abatora ni Abagize Inama njyanama**

**Q3/ IBYICIRO BYIHARIYE MU MATORA NI IBIHE?**

- ⇨ **Ni ibyiciro mu matora bigizwe n'Inama y'Igihugu y'abagore, iy'urubyiruko n'iy'abafite ubumuga.**

**Q4/ ILISITI Y'ITORA NI N'IKI ?**

- ⇨ Ilisti y'itora ni inyandiko ikubiyemo umwirondoro w'abantu bemerewe gutora.

**Q5/ INTEKO ITORA N'IKI?**

- ⇨ Inteko itora ni itsinda ry'abantu bafite uburenganzira bwo gutora. ikoreshwa mu matora aziguye.

**Q6/ NI NDE WEMEREWE KWIYANDIKISHA KU ILISITI Y'ITORA ?**

- ⇨ Ni Umunyarwanda wese ufite nibura imyaka 18 y'amavuko atazitiwe n'imiziro .

**Q7/ NI IYIHE MIZIRO IBUZA ABANTU KWANDIKWA KU ILISITI Y'ITORA?**

- ⇨ Ni abantu bambuwe n'inkiko zibifitiye ububasha uburenganzira bwo gutora kubera ibyaha bikurikira:
- ➢ abahamwe n'icyaha cy'ubwicanyi cyangwa ubuhotozi;
- ➢ abahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu;
- ➢ ahamwe n'icyaha cyo gusambanya abana;
- ➢ ahamwe n'icyaha cyo gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato;

Abandi batemerewe ni

- ➢ abantu bafunze;
- ➢ impunzi.

**Q8/ NI BANDE BAGIZE INTEKO ITORA ABADEPITE 24 B'ABAGORE ?**

- ⇨ Inteko itora Abadepite 24 b'Abagore batorerwa muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali igizwe na:
    - ➢ Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore:
        - ku rwego rw'Igihugu;
        - ku rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali;
        - ku rwego rw'Akarere;
        - ku rwego rw'Umurenge;
        - ku rwego rw'Akagari;
        - no ku rwego rw'Umudugudu.
    - ➢ Abagize Inama Njyanama z'Imirenge igize ifasi y'itora;
    - ➢ Abagize Inama Njyanama z'Uturere tugize Intara

**Q9/ NI BANDE BAGIZE INTEKO ITORA ABADEPITE 2 B'URUBYIRUKO?**

Inteko itora Abadepite babiri bahagararira Urubyiruko igizwe na:

- ➢ Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rwa buri Karere
- ➢ Na Komite ku rwego rw'Igihugu.

**Q10/ NI BANDE BAGIZE INTEKO ITORA UMUDEPITE UHAGARARIRA ABANTU BAFITE UBUMUGA?**

- ⇨ Inteko itora igizwe n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga:
    - ➢ ku rwego rw'Igihugu,
    - ➢ ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali,
    - ➢ ku rwego rw'Akarere
    - ➢ n'Umuhuzabikorwa ~~w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga~~ ku rwego rw'Umurenge.

**Q11/ KWAKIRA KANDIDATURE MU MATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA N'AY'ABADEPITE YA 2024 NI RYARI?**

- ⇨ Ni guhera ku wa 17/05/2024 kugeza ku wa 30/05/2024

**Q12/ KANDIDATIRE ZIZATANGIRWA HE ?**

- ⇨ Kwakira kandidatire bizakorerwa ku cyicaro cya Komisiyo y'amatora mu minsi no mu masaha y'akazi.

**Q13/ NI IBIKI_USHAKA GUTANGA KANDIDATIRE AGOMBA KUBA YUJUJE KU MWANYA WA PEREZIDA WA REPUBULIKA**

- Kuba ari Unyarwanda
- nta bundi bwenegihugu afite;
- indakemwa mu myifatire no mu mibanire ye n'abandi;
- atarigeze akatirwa burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu;
- atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;
- afite nibura imyaka 35 y'amavuko mu gihe cyo kwiyamamariza uwo mwanya;
- aba mu Rwanda igihe asaba kwiyamamariza uwo mwanya.

**Q14/ Ni ibiki biherekeza inyandiko zitanga kandidatire ya Perezida?**

- Kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika iherekezwa n'inyandiko zikurikira[1]:

    (i)Umwirondoro (CV)

    (ii) icyemezo cy'amavuko

    (iii) amafoto abiri magufi y'amabara

    (iv) icyemezo kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko kitarengeje amezi atandatu,

    (v) ikimenyetso cy'umutwe wa politiki cyangwa icy'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki gishyirwa ku rupapuro rw'itora, iyo ari umukandida watanzwe n'Umutwe wa Politiki cyangwa n'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki;

    (vi) ikimenyetso cy'uwifuza kuba umukandida wigenga gishyirwa ku rupapuro rw'itora;

    (vii) inyandiko y'uwifuza kuba umukandida yemeza ko nta bundi bwenegihugu afite cyangwa igaragaza ko yaretse ubundi bwenegihugu yari afite;

    (Vii) cyemezo gitangwa n'urwego rw'Umuvunyi kigaragaza ko uwifuza kuba umukandida yakoze imenyekanisha ry'umutungo, iyo ari mu bategetswe gukora imenyekanisha ry'umutungo;

    (viii) icyemezo cya muganga gitangwa n'umuganga wemewe ukorera ku Bitaro by'Intara, ku Bitaro bikuru; cyangwa mu Kigo cy'Ubuvuzi no Kwigisha ku rwego rwa Kaminuza;

    (IX) urutonde rw'abantu nibura 600 ruriho abantu nibura 12 muri buri Karere, bashyigikiye kandidatire y'uwifuza kuba umukandida wigenga;

    (X) inyandiko uwifuza kuba umukandida yashyizeho umukono cyangwa igikumwe yemeza ko inyandiko yatanze ari ukuri.

---

**Q15/ NI IBIKI USHAKA GUTANGA KANDIDATIRE KU MWANYA W'UMUDEPITE AGOMBA KUBA YUJUJE?**

- Kuba ari Umunyarwanda;
- wujuje nibura imyaka 21 y'amavuko ku munsi w'itora;
- inyangamugayo;
- adafite imiziro iteganywa n'itegeko imubuza kwandikwa ku ilisti y'itora
- Kuba atarakatiwe igifungo kingana cyangwa kirenze amezi 6

**Q16/ NI IBIKI BIHEREKEZA INYANDIKO ITANGA KANDIDATIRE KU BU DEPITE?**

a) Umwirondoro (CV)
b) icyemezo cy'amavuko
c) amafoto abiri magufi y'amabara
d) icyemezo kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko kitarengeje amezi atandatu, ~~gitangwa n'Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru~~;
~~e)~~ ikimenyetso cy'umutwe wa politiki cyangwa icy'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki
f) ikimenyetso cy'uwifuza kuba umukandida wigenga gishyirwa ku rupapuro rw'itora;
g) inyandiko y'uwifuza kuba umukandida igaragaza ifasi ashaka kwiyamamarizamo, iyo ari umukandida w'umudepite w'umugore mu matora aziguye;
h) inyandiko uwifuza kuba umukandida yashyizeho umukono yemeza ko inyandiko yatanze ari ukuri.
~~i)~~ icyemezo cya muganga gitangwa n'umuganga wemewe
j) urutonde rw'abantu nibura 600 ruriho abantu nibura 12 muri buri Karere, bashyigikiye kandidatire y'uwifuza kuba umukandida wigenga;
k) ikarita ndangamuntu

**Q17/ NI IBIKI BIGARAGARA KU RUTONDE RW'ABANTU BASHYIGIKIYE UMUKANDIDA WIGENGA?**

- amazina ahwanye n'ari ku ikarita ndangamuntu ye;
- inomero y'ikarita ndangamuntu ye n'aho yayifatiye;
- inomero ya telefoni;
- aho aba;
- umukono cyangwa igikumwe bye.

Abantu batemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora ntibemerewe gusinyira Umukandida.

**Q18/ NI NDE WEMERERWA KWIYAMAMAZA MU MATORA ?**

- Abakandida wujuje ibisabwa wemejwe burundu na Komisiyo nibo bemerewe kwiyamamaza.

**Q19/ NI RYARI ABAKANDIDA BAZATANGIRA KWIYAMAMAZA MURI AYA MATORA YA 2024 ?**

- Ibikorwa byo kwiyamamaza bizatangira tariki ya 22 Kamena 2024, bisozwe ku ya 13 Nyakanga 2024 .

**Q20/ NI IBIKI BIBUJIJWE MU GIHE CYO KWIYAMAMAZA?**

- gukora cyangwa kuvuga icyahungabanya amahoro, ubumwe n'umutekano rusange by'Abanyarwanda;
- kwiyamamaza mu gihe kitagenwe n'amategeko n'amabwiriza agenga amatora;
- guca, kwangiza, gusibanganya ifoto y'undi mukandida n'ikindi cyose kimwamamaza;
- kwiyamamariza ahantu hatamenyeshejwe ubuyobozi
- guhamagarira abaturage gukora igikorwa icyo ari cyo cyose n'imyifatire yose byatuma amatora atagenda neza;
- gukoresha ibiranga undi mukandida;
- gukoresha ibiranga Igihugu ku mafoto no ku nyandiko byamamaza Umukandida.
- Gukoresha imbuga nkoranyambaga z'inzego za Leta cyangwa iz'ibigo bigamije inyungu rusange

**Q21/ NI HE HABUJIJWE KWIYAMAMARIZA?**

(a) ku mavuriro;
(b) ku mashuri;
(c) ku nsengero;
(d) ku ngoro z'ubutabera;
(e) mu masoko rusange.

**Q22/ NI IKI UMUKANDIDA YAKORA AGAHAGARIKWA MU BIKORWA BY'AMATORA?**

- Iyo yarenze ku mabwiriza agenga igikorwa cyo kwiyamamaza. Abanza kwihanangirizwa..

**Q23/ ESE UMUKANDIDA ASHOBORA GUHAGARARIRWA N'UNDI MUNTU MU BIKORWA BY'AMATORA?**

- Yego! Umukandida ashobora guhagararirwa mu bikorwa byo kwiyamamaza, mu cyumba cyitora ku munsi w'itora no mu bindi bikorwa by'amatora mu izina rye. Cyakora Igihe cyo gutanga kandidatire, ayitanga ubwe.

**Q24/ ESE MURI AYA MATORA IKARITA Y'ITORA IZAKORESHWA?**

Oya ! Iarita y’itora ntiigikenerwa mu matora kuva 2018.

**Q25/ NI IKIHE CYANGOMBWA ABAJYA GUTORA BITWAZA?**

Abajya gutora bitwaza Indangamuntu.

**Q26/ IMPAPURO Z’ITORA ZIZABA ZIFITE AYAHE MABARA ?**

- Mu matora ya 2024, mu itora rya Perezida impapuro z’itora zizaba zera, naho iz’Abadepite ni Kaki.

**Q27/ BISABA IKI KUGIRA NGO UMUKANDIDA WIGENGA ABONE INTEBE MU MUTWE W’ABADEPITE?**

- Kugira ngo umukandida wigenga yemererwe kujya mu Mutwe w’Abadepite agomba kugira nibura gatanu ku ijana (5%) by’amajwi y’abatoye neza. Iyo yagize nibura 5%, abona umwanya umwe (1).

***Q28/ AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA N’ABADEPITE AZABA RYARI?***

- tariki ya **14/07/2024** ku Banayarwanda batorera mu mahanga,
- tariki **15 /07** mu Rwanda
- tariki **16/07**: Amatora y’abadepite bahagarariye ibyiciro byihariye

**Q29/ ITORA RIZATANGIRA SAA NGAHE?**

- Itora rizatangira saa moya za mugitondo (07h00 am) risozwe saa cyenda z’amanywa (03h00 pm).

**Q30/ NI ABADEPITE BANGAHE BAZATORWA MURI BURI NTARA N’UMUJYI WA KIGALI MU MATORA Y’ABADEPITE 24 B’ABAGORE.**

- **Intara y’Amajyaruguru**: imyanya ine (4);
- **Intara y’Amajyepfo**: imyanya itandatu (6);
- **Intara y’Iburasirazuba**: imyanya itandatu (6);
- **Intara y’Iburengerazuba**: imyanya itandatu (6);
- **Umujyi wa Kigali**: imyanya ibiri (2).

***Q31/ ITORA RY’ABADEPITE BABIRI B’URUBYIRUKO RIZABERA HE?***

- Itora ribera ku rwego rw’Igihugu ahazagenwa na Komisiyo

***Q32/ ITORA RY’UMUDEPITE UTORWA N’INAMA Y’IGIHUGU Y’ABAFITE UBUMUGA RIZABERA HE?***

- Itora rizabera muri buri Karere ahagenwa na Komisiyo.

**Q33/ IMIBARE Y'ABANDITSE KU ILISITI Y'ITORA MURI UYU MWAKA (2024) NI BANGAHE.**

- ⇨ Uyu mwaka dufite abagera kuri miliyoni icyenda na magana atanu (9.5 M)

**Q34/ NI BANDE BEMEREWE GUTORERA AHO BATANDITSE**

- Abaganga bari mu kazi
- Abasirikare bari mu kazi
- Indorerezi z'amatora
- Abakomiseri n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'amatora bakurikirana amatora
- Abanyamakuru ...

**Q35/ SITE Z'ITORA ZIKORESHWA MU MATORA RUSANGE ZINGANA IKI?**

- ⇨ Sites Ni 2.441

**Q36/ IBYUMBA BIKORESHWA MU MATORA NI BINGAHE ?**

- ⇨ Ni 17.400

**Bikorewe i Kigali, ku wa 22/04//2024**